SEGIKWIYE.M.

Nsinda.

Nsinda,le 5/7/1961.-

KIBUNGO
1742

Monsieur le Prefet wa Territoire

ya Kibungu.

Ndaregera urugomo ñagiriwe n'Umutware wa commune "KANYAMIHANDA.J.B.",kubera ibintu bikurikira:

1. Tarki ya 28/5/61 Kanyamihanda yakoranije inka zo kumurenge wa Nsinda,Kabare,Karitutu,banyahurira ubwatsi bwo muri ferme yanjye narinfitiye uruhusa rwo kuragira jyenjyine, kuva mumwaka itandatu yose.Nakoze mo imirimo myinshi,nahembereraga nk'ibi bikurikira.:
1.Kuvanamo ibiti n'ibyatsi bibi.
2.Gukoramo trace (imiringoti).
3.Gutera urubingo n'ubundi bwatsi bwa kizungu.
4.Kuzitiza imikwege n'imiyenzi.

2 Aho imidugararo yo mukwezi kwa 5 iziye,anteza abantu bajya kundega mu rukiko rwa canton,turaburana ndabatsinda. Abonye ko mbatsinze,noneho niko kuntangira ubwatsi,aba ariwe ububaha kandi ñarangije kubabatsindira,ubwo mbibwira s/prefet Kajangwe,amutegeka kunsubiza ubwatsi bwanjye, ngo nashaka ko abaturage banyisabira,nabo kandi babishaka, bansabem/ mbihera ubwanjye.
Ubwo nemera guha abaturage duturanye inama,umutware wa commune aranga aba ariwe ujya kubihera igice cy'ubwatsi bwanjye kininin cyane.Ubwo kandi bwari ubwa 2 anyaga,kuko muri 1960 yami yarenze ikindi gice cy'ubwatsi bwanjye nacyo kinini,afataniJe n'inama ya commune,bagirango bara ngerura.Ubwo ndabyemera ngirango nubahe amategeko y'inama ya commune.None yongeye kunyaga bwa 2.

3. Nongeye kubyibutsa Sous prefet Kajangwe kenshi,ntiyagira icyo abikoraho.

Ndagusaba kukundangiriza ibi bintu byanjye,byerekeye ubunyage bwafferme,kandi byose mbifitiye ibimenyetso.

Mbaye mbashimiye cyane.

SEGIKWIYE.M.

[signature]